**AMABWIRIZA AGENGA 'FERWAFA SUPER CUP 2026'**

Dushingiwe ku ngingo ya 2, igika cya (a), (b), (k) n'icya (m) y'Amategeko Shingiro ya FERWAFA, no ku ngingo ya 7, igika cya mbere (1), y'Amabwiriza agenga Amarushanwa ya FERWAFA yo ku wa 23/11/2020;

Twemeje Amabwiriza akurikira:

## IGICE CYA MBERE: INGINGO RUSANGE

**Ibisobanuro bw'amagambo:**

- **FERWAFA:** Ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda
- **FERWAFA SUPER CUP 2026:** Ni irushanwa ry'igikombe gitegurwa na FERWAFA, rihuza amakipe yitwaye neza kurusha andi. Mu cyiciro cy'abagabo, irushanwa rya 2026 rizahuza amakipe ane yo mu Rwanda ya mbere ku rutonde rwa BK Pro League rwa shampiyona y'umwaka wa 2025-2026.
- **IFAB:** Inama y'Ubuyobozi y'umupira w'amaguru ku isi.
- **Komite Nyobozi :** Urwego Ngengamikorere ruyobora FERWAFA.
- **Amategeko agenga Umukino :** Amategeko agenga umukino ashyirwaho na IFAB hakurikijwe ingingo bijyanye z'amategeko rusange ya FIFA.

Initial MB

- **Umukinnyi** : Umukinnyi w'umupira w'amaguru wese wanditswe muri FERWAFA.

- **Umuyobozi :** Buri muntu wese uri mu nama y'ubuyobozi (harimo abagize komite nyobozi), uri muri komite nyobozi, umusifuzi, umutoza, utegura abakinnyi ndetse n'undi muntu uwo ari we wese ushinzwe tekiniki, ubuvuzi ndetse n'ubuyobozi muri FERWAFA, mu rugaga mpuzamashyirahamwe, muri FERWAFA, mu ihuriro ry'umupira w'amaguru cyangwa mu ikipe cyangwa abandi bantu abo ari bo bose bagengwa n'amategeko shingiro ya FERWAFA (usibye abakinnyi n'abahuza).

**<u>Ingingo ya 1:</u> Icyo aya mabwiriza agamije n'abo areba**

Aya mabwiriza agamije gushyiraho uburyo FERWAFA Super Cup izakinwamo, aho izahuza amakipe ane ya mbere yo mu Rwanda hakurikijwe uko yakurikiranye ku rutonde rwa Shampiyona BK Pro-League 2025-2026.

Aya Mabwiriza areba abakinnyi, abayobozi b'amakipe, abahagarariye FERWAFA, abakunzi b'imikino ndetse n'abandi bafatanyabikorwa bose bafite aho bahuriye n'imigendekere myiza y'igikombe kiruta ibindi (FERWAFA SUPER CUP).

Igikombe kiruta ibindi (FERWAFA SUPER CUP) kizatangira gukinwa ku wa 27/08/2026, aho hazakinwa imikino ibiri ya ½ cy'irangiza (Semi-Finals), naho umukino wa nyuma uzakinwa ku wa 30/08/2026.

**<u>Ingingo ya 2:</u> Ibirebana n'abayobozi b'imikino (match officials)**

Komisiyo ishinzwe Imisifurire muri FERWAFA ni yo izagena abasifuzi bazayobora imikino, mu gihe Ubunyamabanga Bukuru bwa FERWAFA ari bwo bushinzwe gushyiraho abakomiseri b'imikino.

Inshingano z'abayobozi b'imikino ziteganywa n'Amabwiriza ya FERWAFA agenga amarushanwa.

Initial

**<u>Ingingo ya 3:</u> Gukurikiza amategeko agenga umukino (Laws of the Game)**

Amategeko y'umukino (laws of the game) azifashishwa mu irushanwa ni ayashyizweho na IFAB.

**<u>IGICE CYA KABIRI:</u> IMITERERE, IMIGENDEKERE Y'IMUKINO YO GUHATANIRA IGIKOMBE CYA FERWAFA SUPER CUP UMWAKA WA 2026.**

**<u>Ingingo ya 4:</u> Uburyo irushanwa rizakinwamo**

Igikombe Kiruta Ibindi (FERWAFA Super Cup) cy'umwaka wa 2026 kizakinwa n'amakipe akurikira:

1. Rayon Sports FC
2. Kiyovu SC
3. Police FC
4. Mukura VS

**<u>INGENGABIHE YA FERWAFA SUPER 2026</u>**

| Round | Date | Match | Kick-off |
|---|---|---|---|
| Semi-final 2 | 27/08/2026 | 2nd Ranked Club (**SC Kiyovu**) vs 4th Ranked Club (**Mukura VS**) | 15:00 |
| Semi-final 1 | 27/08/2026 | 1st Ranked Club **(Rayon Sport FC)** vs 3rd Ranked Club (**Police FC**) | 18:30 |
| Final | 30/08/2026 | Winner SF 1 vs Winner SF 2 | 15:00 |

Mu mikino iteganijwe, buri mukino uzajya ukinwa iminota mirongo icyenda (90), ikinwa mubice bibiri bingana iminota 45x2. Mu gihe umukino urangiye amakipe yombi anganya ibitego, hazitabazwa penaliti kugira ngo hamenyekane ikipe itsinze.

**<u>Ingingo ya 5:</u> Abakinnyi n'umubare w'abasimbura wemewe**

Abakinnyi bazitabira imikino ya Super Cup ni abafite impushya (Licenses) zibemerera gukina zatanzwe na FERWAFA mu mwaka w'imikino wa 2026-2027.

Initial MB

Aba ni abakinnyi banditswe mu gihe cya mbere cyo kwandikisha abakinnyi (First Registration Period Window) cyatangiye ku wa 10/06/2026 kikazarangira ku wa 30/08/2026.

Umubare w'abakinnyi bagomba gushyirwa ku rupapuro rw'umukino (feuille de match) ni makumyabiri (20), naho umubare w'abakinnyi basimbura bemerewe gusimbura muri uwo mukino ukaba ari barindwi (7) mu nshuro eshatu; gusimbuza bikozwe hagati y`igice cya mbere n'icya kabiri by'umukino ntibibarwa muri izo nshuro eshatu zavuzwe haruguru.

**<u>Ingingo ya 6:</u> Umubare w'abakinnyi b'abanyamahanga wemewe**

Nta mubare ntarengwa w'abakinnyi b'abanyamahanga uteganyijwe muri iri rushanwa.

**<u>Ingingo ya 7:</u> Imyambaro**

Ikipe yasuwe ikinisha imyenda isanzwe yambara yamenyesheje igiye cyo gutangira amarushanwa. Igihe amabara asanzwe yambarwa n'amakipe agiye gukina asa cyangwa atera kwitiranya amakipe, ikipe yasuye ihindura imyenda yo gukinisha.

Mu gihe umunyezamu w`ikipe yasuwe afite umwenda usa n`imyenda y`abakinnyi b`ikipe yasuye, uwo munyezamu niwe uhindura.

Igihe umukino ubera Ku kibuga kitari ikimwe mu makipe yakinnye, ikipe yavuzwe bwa kabiri niyo ihindura imyenda yo gukinisha. Igihe cyose Ikipe yasuye igomba kwitwaza imyambaro ibiri idahuje amabara mu rwego rwo kwirinda guhuza ibara n'ikipe yasuwe.

Initial MB

**<u>Ingingo ya 8:</u> Ibibuga n'amasaha**

Imikino izabera ku bibuga ndetse no ku masaha yagenwe na FERWAFA. Icyakora, FERWAFA ishobora guhindura isaha cyangwa ikibuga umukino uzaberaho, hashingiwe ku biteganywa n'Amabwiriza agenga Amarushanwa.

Amakipe agomba kugera ku kibuga umukino uzaberaho nibura isaha imwe n'igice (1h30) mbere y'isaha yagenwe yo gutangira umukino.

**<u>Ingingo ya 9:</u> Guhagarika umukino**

Mu gihe umukino uhagaritswe bitewe n'impamvu zigoye kwigobotora (cas de force majeure), hazubahirizwa ibiteganywa n'Amabwiriza agenga Amarushanwa ya FERWAFA, cyane cyane ibivugwa mu ngingo ya 38, igika cya 5.

**<u>Ingingo ya 10:</u> Gusezera muri FERWAFA Super Cup 2026**

Ikipe yifuza gusezera muri FERWAFA Super Cup igomba kubimenyesha FERWAFA. FERWAFA ifite ububasha bwo kugena uburyo irushanwa rigomba gukomeza.

Ikipe izarenga ku biteganywa haruguru nyuma yuko ishyikirijwe aya mabwiriza izacibwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda angana na miliyoni icumi (10,000,000 Frw) igomba kwishyura mbere yo kwitabira andi marushanwa ategurwa na Ferwafa, bitabujije ko ishobora no gufatirwa ibindi bihano na Komisiyo ishinzwe Imyitwarire, hakurikijwe ibiteganywa n'Amategeko n'Amabwiriza bya FERWAFA.

**<u>Ingingo ya 11:</u> Umutekano, Ubutabazi bwihutirwa no Gutegura Ikibuga**

Ibijyanye no gutegura ikibuga, gucunga umutekano ku bibuga by'imikino ndetse n'ibikorwa by'ubutabazi (Ambulance) bwihutirwa bireba Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru mu Rwanda (FERWAFA).

**IGICE CYA NYUMA: INGINGO ZISOZA**

**<u>Ingingo ya 12:</u> Ibidateganyijwe muri aya mabwiriza**

Ibidateganyijwe muri aya mabwiriza hazitabazwa amategeko agenga amarushanwa ndetse n'andi mategeko n'amabwiriza bya FERWAFA.

Aya mabwiriza azatangira gukurikizwa guhera igihe ashyiriweho umukono.

Bikorewe i Kigali ku wa 24/08/2026.

Signed by:

Signed by:

3EF630CC6710468...

**Me.Claudine GASARABWE**
**Perezida w'Agateganyo**

**Bwana Bonnie MUGABE**
**Umunyamabanga Mukuru**